Inyandiko Nsobanurampamvu

1. Intangiriro

Mu rwego rwo kongera kubaka u Rwanda no gukomeza kubungabunga ubumwe bw'Abanyarwanda, Guverinoma y'u Rwanda yashingiye ku ndangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda n'imigirire gakondo hagamijwe kunoza no guhuza gahunda z'iterambere n'imiterere y'Igihugu n'ibyo cyifuza. Umusaruro wavuyemo akaba ari ukwishakamo ibisubizo bishingiye ku migirire gakondo y'Abanyarwanda iganisha kuri gahunda y'iterambere rirambye.

Inama y'Igihugu y'Umushyikirano ngarukamwaka iha Abanyarwanda b'ingeri zose umwanya wo kwibariza ibibazo Abayobozi babo imbona nkubone. Iyi Nama iyoborwa na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, itumirwamo Abagize Guverinoma n'Abagize Inteko Ishinga Amategeko, abahagarariye Abanyarwanda baba mu mahanga, Inzego z'Ibanze, Abanyamakuru, Abahagarariye Ibihugu byabo mu Rwanda n'abandi batumirwa na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda.

Nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 140 y'Itegeko Nshinga, Inama y'Igihugu y'Umushyikirano iterana nibura rimwe mu mwaka. Igasuzuma uko ubuzima bw'Igihugu n'Ubumwe bw'Abanyarwanda bihagaze. Perezida wa Repubulika atumiza kandi akayobora Inama y'Igihugu y'Umushyikirano, akaba ari na we ugena abayitabira. Imyanzuro ifatirwa muri iyi Nama ishyikirizwa Inzego zibishinzwe kugira ngo zirusheho gutunganya imirimo zikorera Abaturage.

Iteka rya Perezida wa Repubulika y'u Rwanda rishobora guteganya ibindi byerekeye Inama y'Igihugu y'Umushyikirano.

Ni muri uru rwego Inama y'Igihugu y'Umushyikirano, ku nshuro ya 14, izabera muri Kigali Convention Center, kuva ku itariki ya 15 kugeza ku ya 16 Ukuboza 2016.

2. Insanganyamatsiko: Dufatanyije, Twubake u Rwanda Twifuza.

Iyi nsanganyamatsiko igamije kurebera hamwe ibyo u Rwanda rumaze kugeraho mu myaka ishize, Indangagaciro na Kirazira z'Abanyarwanda n'u Rwanda Twifuza. Muri rusange, abazatanga ibiganiro bazashimangira akamaro ko gusenyera umugozi umwe hagati y'Abayobozi n'Abaturage nk'imwe mu nkingi z'iterambere ry'u Rwanda.

3. Ibiganiro

Itsinda ry'ibiganiro rya mbere: Ibyo u Rwanda rumaze kugeraho: "Umusaruro w'Ubumwe bw'Abanyarwanda no Kwishakamo Ibisubizo hakoreshejwe uburyo budasanzwe"

Mu myaka makumyabiri ishize, u Rwanda rumaze gutera intambwe ishimishije mu rwego rw'Ubukungu n'Imibereho myiza mu ngeri zose z'ubuzima bw'Igihugu. Hatewe intambwe idasubirwaho mu guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge by'Abanyarwanda aho mu 2015, ijanisha ry'ubumwe n'ubwiyunge ryageze kuri 92%, uburezi kuri bose, aho ijanisha ry'umubare w'abana bagomba kuba biga mu mashuri abanza rigeze kuri 97% rivuye kuri 72.6% mu 2000. Mu rwego rw'ubuzima, umubare w'abagore bapfa babyara ku mwaka, wavuye ku 1071 mu 2000 ugera kuri 210 mu 2015 naho abana bapfa batarageza ku myaka 5 ku mwaka, wavuye ku 107 ugera kuri 32 muri 2015. Iterambere ry'u Rwanda turikesha politiki n'ingamba nziza zatumye igipimo cy'ubukene kigabanuka ku buryo budasubirwaho, aho abari munsi y'umurongo w'ubukene bavuye kuri 58.9% mu 2001 bakagera kuri 39% mu 2013 naho ijanisha ry'ubukene bukabije rikaba ryaravuye kuri 40% rikagera kuri 16%, muri icyo gihe.

Ishyirwa mu bikorwa rya gahunda zo guteza imbere imibereho myiza n'izindi gahunda turikesha ubuyobozi bureba kure, icyerekezo kimwe n'imikoranire myiza yaranze Abayobozi n'Abaturage. Iki kiganiro kigamije kwerekana aho iterambere ry'u Rwanda rigeze binyuze mu ngero zifatika no kwerekana uburyo Abaturage n'Abayobozi bagiye bakorana.

Biteganyijwe ko kungurana ibitekerezo kuri iyi ngingo bizateza imbere Ubumwe n'Ubwiyunge bw'Abanyarwanda, kongera ubushake bw'Abaturage mu kurinda no kubungabunga ibimaze kugerwaho; kongera ubumenyi kuri gahunda za Leta n'uburyo bwo kwishakamo ibisubizo bwafashije guhindura ubuzima bw'Abanyarwanda; kugaragaza ku buryo butaziguye uruhare rw'ibanze rw'ubuyobozi mu kugaragaza isura nziza y'u Rwanda no mu kwihutisha iterambere ry'Igihugu hamwe no kuzamura imyumvire igaragaza ko kugira icyerekezo kimwe ari ingenzi mu kugera ku ntsinzi iyo ari yo yose no kugera ku Rwanda Twifuza.

Itsinda ry'Ibiganiro rya kabiri: U Rwanda Twifuza

Icyerekezo cy'u Rwanda kigamije gutuma Abanyarwanda bose bagira imibereho irushijeho kuba myiza, kugira umutekano w'ibiribwa, kurinda Umuryango Nyarwanda, kubona serivisi nziza kandi zihendutse mu bijyanye n'ubuzima, uburezi, ubukungu, imiturire, ingufu z'amashanyarazi, ibikorwaremezo n'ibindi. Icyakora, kugira imibereho myiza bivuze ko tugomba kwimakaza indangagaciro zacu (kwigira, agaciro, ubunyangamugayo, gukunda igihugu, umurimo unoze, guhanga ibikorwa bishya, n'izindi) nk'umusemburo w'ibanze w'imibereho myiza/icyerekezo kimwe twifuza kugeraho.

Iki kiganiro kizagaragaza ishusho y'aho Twifuza kuba nk'Abanyarwanda (Icyerekezo 2050 kirimo gutegurwa) cyerekane akamaro k'indangagaciro z'Abanyarwanda zibumbatiye icyerekezo Twifuza, gishimangire n'uko tugomba gukomeza imihigo.

Muri rusange, mu ntego z'iki kiganiro harimo gusobanukirwa neza aho Twifuza kuba nk'Abanyarwanda (Icyerekezo 2050), imyumvire imwe y'akamaro ko kugira ubuyobozi bureba kure nk'umusemburo w'iterambere ry'ubukungu n'imibereho myiza; gukora ubukangurambaga ku ndangagaciro z'Abanyarwanda zizadufasha kugera ku Cyerekezo twihaye no kongera uruhare rw'umuturage mu kwishakamo ibisubizo ku bibazo bishya bitwugarije.

4. Uko ibiganiro bizatangwa

» Hari videwo nto yerekana ibitekerezo by'Abaturage ku Rwanda Twifuza;

» Kungurana ibitekerezo aho abatanga ibiganiro bazafata iminota mike y'insemburakiganiro, hanyuma hakurikireho kungurana ibitekerezo kw'abitabiriye inama;

» Ushinzwe gutanga ijambo azajya ageza ibibazo byabajijwe n'abitabiriye/abakurikirana Inama, ku Bayobozi bagomba kubisubiza;

» Hashyizweho uburyo Abaturage bazakurikirana Imirimo y'Inama y'Igihugu y'Umushyikirano ya 14 hakoreshejwe ikoranabuhanga ;

» Abazakurikirana imirimo y'Inama y'Igihugu y'Umushyikirano bazayigiramo uruhare batanga ibitekerezo byabo cyangwa babaza ibibazo, bafata ijambo mu cyumba cy'Inama, bahamagara kuri telefoni cyangwa bohereza ubutumwa bugufi kuri telefoni, bohereza ubutumwa binyuze kuri email cyangwa ku mbuga nkoranyambaga. Imirimo y'Inama y'Igihugu y'Umushyikirano izanyura kuri Radiyo na Televiziyo y'u Rwanda.

5. Gahunda

- Umunsi wa mbere

» Ijambo rya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika w'u Rwanda mu gutangiza Inama y'Igihugu y'Umushyikirano ya 14;

» Ikiganiro cya Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe ku ishyirwa mu bikorwa ry'Imyanzuro y'Inama y'Igihugu y'Umushyikirano ya 13;

» Videwo nto (iminota 5-7) yerekana ibitekerezo by'Abaturage ku Rwanda Twifuza;
» Ikiganiro cya 1: Ibyo u Rwanda rumaze kugeraho: "Umusaruro wo kwishakamo ibisubizo hakoreshejwe uburyo budasanzwe"

- Umunsi wa Kabiri

» Ikiganiro cya 2: U Rwanda Twifuza
» Gusoma Imyanzuro y'Inama y'Igihugu y'Umushyikirano ya 14;
» Ijambo rya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda risoza Inama.